hakoreshejwe Afereze, kuko iyo umuntu umwe ayitangiyeho aba ashobora gutanga udufashi twahabwa abantu bagera kuri batatu ari wenyine.

Nanone, udufashi dutangiwe kuri Afereze tugabanyiriza umurwayi ingaruka zaterwa no guhabwa udufashi twatanzwe n'abantu batandukanye.

V. UMUNTU YONGERA GUTANGA U DUFASHI NYUMA Y'IGIHE KINGANA IKI?

Iyo umuntu atanze ibice byose by'amaraso yongera kuyatanga nyuma y'amezi 2 mu rwego rwo kugira ngo umubiri we ubone umwanya wo kwisubiza udusoro dutukura aba yatanze.

Umuntu utanze udufashi kuri Afereze ashobora kongera kudutanga nyuma y'iminsi cumi n'ine (14) gusa kandi akaba ashobora gutanga inshuro zigera kuri makumyabiri n'enye (24) mu mwaka kuko mu masaha make umubiri we uba umaze kwisubiza udufashi twatanzwe.

VI. ESE HARI IGIHE UMUNTU UTANGA UDUFASHI HAKORESHEJWE AFEREZE ASHOBORA GUTANGA AMARASO HAKORESHEJWE UBURYO BUSANZWE?

Yego, nubwo abantu bashishikarizwa gutanga amaraso hakoreshejwe Afereze, nyuma yo gusobanurirwa ubwo buryo bwombi, umuntu ashobora guhitamo uburyo bumunogeye akaba ari bwo akoresha mu gutanga amaraso.

Iyo umuntu asanzwe atangira udufashi kuri Afereze ashobora kongera gutanga amaraso mu buryo busanzwe abanje gutegereza iminsi 14. Uku niko binagendekera umuntu wari usanzwe atanga amaraso mu buryo busanzwe igihe ashaka gutangira amaraso kuri Afereze.

"Ngaho rero nimutabare Indembe mutanga Amaraso"

GUTANGA AMARASO NI UGUTANGA UBUZIMA

Ubu butumwa mubugejejweho na:

IKIGO CY'IGIHUGU CYO GUTANGA AMARASO

B.P 4719 KIGALI RWANDA
Telephone: 252 570 408
TOLL FREE: 114

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUZIMA
B.P 84 KIGALI

IKIGO CY'IGIHUGU CYO GUTANGA AMARASO

rbc RWANDA BIOMEDICAL CENTER
A healthy People. A Wealthy Nation

B.P 4719 KIGALI RWANDA
Telephone: 252 570 408
TOLL FREE: 114

SOBANUKIRWA N'UBURYO BWO GUTANGA IGICE KIMWE MU BIGIZE AMARASO HAKORESHEJWE IMASHINI YABIGENEWE

I. IMASHINI YA AFEREZI IKORESHWA MU GUTANGA IGICE KIMWE MU BIGIZE AMARASO IKORA ITE?

Gutanga igice kimwe mu bigize amaraso hakoreshejwe imashini yabugenewe yitwa Afereze (Apheresis/Aphérèse) ni uburyo bworoshye, bwifashishwa muri serivisi yo gutanga amaraso kugira ngo umuntu atange kimwe mu bice bigize amaraso:

- Udufashi: Plaquettes/Platelets,
- Igice cy'amazi: Plasma
- Igice cy'Udusoro dutukura: Globules Rouges/ Red Cells).

Icyo gihe, ibindi bice by'amaraso bisubira mu mubiri w'umuntu urimo gutanga kimwe mu bice by'amaraso gikenewe.

Ubwo buryo bw'ikoranabuhanga bufasha abakozi b'ikigo cyo gutanga amaraso guhaza ibyifuzo by'abakeneye amaraso aho bari mu gihugu hose.

II. NI NDE WATANGIRA AMARASO KURI AFEREZE?

Uwo ari we wese wujuje ibi bikurikira ashobora gutangira amaraso ku mashini ya Afereze:

– Kuba afite ubuzima buzira umuze
– Kuba afite imyaka 18 kugeza kuri 60
– Kuba afite ibiro byibura 50
– Kuba atagendera mu ngeso zatuma yandura indwara zandurira mu maraso

Umuntu ugiye gutangira amaraso ku mashini ya Afereze abanza gupimwa ibi bikurikira:

– Haemoglobin: ≥12.5 g/dl
– Haematocrit: ≥38%
– Platelet Count: ≥150, 000/ µL

Umuntu ugiye gutanga amaraso kandi yuzuza urupapuro ruriho ibibazo birebana n'ubuzima bwe yarangiza agasuzumwa na muganga.

III. GUTANGIRA AMARASO KU MASHINI YA AFEREZE BIKORWA BITE?

Mu gihe umuntu arimo gutanga amaraso, amuvamo anyura mu duheha twabugenewe kandi dukoreshwa ku muntu umwe, akajya mu cyuma kiyatandukanya kiri mu mashini ari yo yitwa Afereze.

Iyo amaraso amaze gutandukanywa mu bice biyagize, igice umuntu atanze kijya ahabugenewe maze ibindi bice bisigaye imashini ikabimusubizamo. Iki gikorwa kimara hagati y'iminota 45 n'amasaha abiri.

Kugeza ubu, gutangira amaraso kuri Afereze, bikorerwa gusa ku kicaro cy'ishami ry'ikigo cy'igihugu cyo gutanga amaraso cya Kigali.

IV. KUKI UKWIYE GUTANGA UDUFASHI KURI AFEREZE?

Nubwo imashini ya Afereze ishobora gutangirwaho ibice bitandukanye by'amaraso, Udufashi ni two dukunze gutangirwaho cyane.

Udufashi ni igice cy'amaraso gituma avura akarekera aho kuva iyo umuntu akomeretse.

Udufashi dukoreshwa mu kuvura abarwayi b'ingeri zitandukanye barimo:

– Abafite ubushye
– Abana bavuka badashyitse
– Abahabwa ingingo nk'impyiko n'izindi
– Bamwe mu barwayi cyane cyane abarwaye Kanseri bakunze gukenera udufashi mu buryo buhoraho

Iyo umuntu atanze amaraso mu buryo busanzwe hadakoreshejwe Afereze, haba harimo udufashi tungana na 2% gusa by'ayo maraso; ugereranyije tungana n'biyiko bitatu (3); mu gihe hadakoreshejwe Afereze ni ukuvuga ko bisaba abantu batandatu (6) bahuje ubwoko bw'amaraso kugira ngo haboneke udufashi twahabwa umurwayi umwe.

Ikindi ni uko udufashi tubikwa igihe gito kitarenze iminsi itanu (5). Akaba ari yo mpamvu bikenewe ko abantu bitabira gutanga udufashi